**REPUBULIKA Y'U RWANDA**

**MINISITERI Y'UBURINGANIRE N'ITERAMBERE RY'UMURYANGO**

# AMABWIRIZA YA MINISITIRI AGENGA IMITERERE N'IMIKORERE Y'UMUGOROBA W'IMIRYANGO

Nzeri, 2020

**Minisitiri w'Uburinganire n'Iterambere ry'Umuryango,**

Ashingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo mu 2003 ryavuguruwe mu 2015, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 18 iteganya ko umuryango, ari wo shingiro kamere y'imbaga y'abanyarwanda, urengerwa na Leta;

Ashingiye ku Iteka rya Minisitiri w'Intebe No. 37/03 ryo ku wa 27/02/2015 rigena inshingano, imbonerahamwe y'imyanya y'imirimo, imishahara n'ibindi bigenerwa abakozi muri Minisiteri y'Uburinganire n'Iterambere y'Umuryango, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 2 irebana n'inshingano zo guteza imbere umuryango;

Ashingiye kuri Politiki y'Igihugu yo kwegereza abaturage ubuyobozi n'ubushobozi yo mu 2013 igamije imiyoborere myiza n'umuco w'amahoro n'ubworoherane, gukorera mu mucyo, guha abaturage uruhare mu bibateza imbere no mu miyoborere y'igihugu cyabo harimo no kwishakamo ibisubizo;

Ashingiye kuri Politiki y'Igihugu yo guteza imbere umuryango yo mu 2005 iteganya ko hagomba gushyirwaho gahunda zihamye zo gutuma imiryango ibana neza mu mahoro;

Ashingiye ku nyandiko ikubiyemo ingamba ku miterere n'imikorere y'Umugoroba w'Ababyeyi yateguwe na Minisiteri y'Uburinganire n'Iterambere ry'Umuryango muri 2015;

Amaze kubona ibitekerezo byatanzwe n'abantu banyuranye bo mu nzego z'ibanze babajijwe ku mikorere y' Umugoroba w'Ababyeyi bakagaragaza ibikwiye kuvugururwa;

Amaze kubona ko umugoroba w'ababyeyi wagiye witabirwa n'ababyeyi b'abagore cyane cyane kandi wakagombye guhuza abagize imiryango ituranye barimo abagore, abagabo, urubyiruko ndetse n'abana;

Asubiye ku mirongo ngenderwaho y'Umugoroba w'Ababyeyi yashyizweho na Minisiteri y'Uburinganire n'Iterambere ry'Umuryango muri 2016 mu buryo bukurikira:

## UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE

### Ingingo ya mbere: Icyo aya mabwiriza agamije

Aya mabwiriza agamije:

a) Guhindura inyito yari isanzwe y'Umugoroba w'Ababyeyi ikaba Umugoroba w'Imiryango;

b) Kuvugurura imiterere, inshingano n'imikorere by'umugoroba w'ababyeyi bigasimburwa n'Umugoroba w'Imiryango;

c) Kugena imiterere n'imikorere by'Umugoroba w'Imiryango kugira ngo ukore neza, ukemure ibibazo byo mu miryango.

### Ingingo ya 2: Ibisobanuro by'amagambo

**Umugoroba w'Imiryango**: Urubuga abagize imiryango batuye mu mudugudu bahuriramo kugira ngo bungurane ibitekerezo ku ngamba zafatwa kugira ngo barusheho kwiteza imbere no kunoza imibanire

yabo, bakumira kandi bakemura amakimbirane ashobora kuvuka mu ngo, mu baturanyi cyangwa ahandi aho ariho hose.

**Ingingo ya 3: Intego z'Umugoroba w'Imiryango**

Intego rusange y'Umugoroba w'Imiryango ni ukugira umuryango ushoboye, wihagije mu bukungu kandi utekanye, aho abawugize buzuzanya muri byose kandi bakubahana hagati yabo.
Intego zihariye z'Umugoroba w'Imiryango ni izi zikurikira:

- Guteza imbere imibanire n'imibereho myiza y'abagize imiryango mu Mudugudu;
- Gutegura abagiye gushinga urugo
- Gukumira ibyaha mu miryango;
- Gukumira no gukemura amakimbirane mu miryango igize Umudugudu;
- Guteza imbere uburere, uburezi n'uburenganzira bw'abana n' ubw'abagize umuryango bose;
- Kwimakaza ihame ry'uburinganire n'ubwuzuzanye mu muryango;
- Guteza imbere ubukungu mu miryango hagamijwe imibereho myiza y'abayigize kandi babigizemo uruhare;
- Gutoza abagize umuryango kwitabira gahunda zose za Leta.

## UMUTWE WA 2: IMITERERE N'INSHINGANO BY'UMUGOROBA W'IMIRYANGO

### IKICIRO CYA MBERE: IMITERERE Y'UMUGOROBA W'IMIRYANGO

**Ingingo ya 4: Abagize Umugoroba w'Imiryango**

Umugoroba w'Imiryango ugizwe n'abagabo, n'abagore n'urubyiruko batuye mu mudugudu umwe.

**Ingingo ya 5: Abitabira Umugoroba w'Imiryango**

Umugoroba w'Imiryango witabirwa ku buryo buhoraho n'abavugwa mu ngingo ya 4 y'aya mabwiriza. Ariko, bitewe n'impanuro Umugoroba w'Imiryango wifuza kugeza ku bana, abana bashobora gutumirwa mu Mugoroba w'Imiryango nibura rimwe mu mezi atandatu cyangwa mu gihe bibaye ngombwa nko mu biruhuko.

**Ingingo ya 6: Inzego z'Umugoroba w'Imiryango**

Umugoroba w'Imiryango ugizwe n'inzego zikurikira:

1. Inteko Rusange
2. Komite Nyobozi
3. Komite Ngengamyitwarire

**Ingingo ya 7: Inteko rusange**

Inteko rusange igizwe n'abantu bose (abagabo, abagore, urubyiruko n'abana) batuye mu mudugudu nkuko bagaragajwe mu ngingo ya 4.

**<u>Ingingo ya 8</u>: Ishyirwaho ry'abagize Komite Nyobozi**

Komite Nyobozi y'Umugoroba w'Imiryango igizwe n'abantu batanu (5) batorwa n'Inteko rusange y'Umudugudu.Umukuru w'Umudugudu ntashobora gutorerwa kuyobora Komite Nyobozi y'Umugoroba w'Imiryango.

Komite Nyobozi itorwa mu buryo bukurikira:

- Umukuru w'Umudugudu atumiza Inteko Rusange y'Umudugudu, nibura iminsi 3 mbere y'inama, ababwira ko bazatora ababahagarariye mu Mugoroba w'Imiryango.
- Mu nama, Umukuru w'umudugudu asaba abitabiriye Inteko Rusange gutora inyangamugayo zirimo ab'igitsina gore (bangana byibura na 30%) n'ab'igitsina gabo bujuje ibisabwa biri mu ngingo ya 9
- Umuntu ashobora kwiyamamaza cyangwa kwamamazwa n'abandi.
- Hatorwa Perezida, Visi- Perezida, Umunyamabanga n'abajyanama babiri (2).

**<u>Ingingo 9</u>: Manda ya Komite Nyobozi**

Komite Nyobozi igira manda y'imyaka itatu (3) ishobora kongerwa nibura inshuro imwe.
Iyo Komite Nyobozi isigaje amezi atatu (3) ngo irangize manda, ikora raporo y'ibyo yagezeho mu gihe cya manda yayo ikagaragaza n'impinduka yazanye mu mudugudu, ikayigeza ku mukuru w'Umudugudu, bamumenyesha igihe manda yabo izarangirira. Umukuru w'Umudugudu atoresha indi Komite Nyobozi, icyumweru kimwe manda ya Komite Nyobozi ya mbere irangiye, bagatorwa n'Inteko Rusange y'Umudugudu, kugira ngo bitazabuza Umugoroba w'Imiryango utaha guterana.
Muri Komite Nyobozi nshya hagomba kubamo abantu babiri bari mu icyuye igihe kugira ngo bamenyereze abandi, kandi batorwa n'Inteko Rusange.

**<u>Ingingo ya 10</u>: Ibisabwa abajya muri Komite Nyobozi**

Ujya muri Komite Nyobozi agomba kuba yujuje ibi bikurikira:

- Kuba afite nibura imyaka 21 y'amavuko;
- Kuba azi gusoma no kwandika ikinyarwanda;
- Kuba atuye muri uwo mudugudu;
- Kuba asanzwe yitabira kandi yubahiriza gahunda za Leta;
- Kuba azwiho umurava n'ubunyangamugayo;
- Kuba yemera gukora nk'umukorerabushake;

**<u>Ingingo ya 11</u>: Gusimbura abagize Komite Nyobozi**

Iyo umwe mu bagize Komite Nyobozi harimo utagishoboye gukomeza inshingano kubera impamvu zitandukanye, asimbuzwa undi binyuze mu matora akorerwa mu nama y'Umugoroba w'Imiryango mu gihe kitarenze ukwezi kumwe (1), bisabwe na Perezida cyangwa undi muri Komite Nyobozi mu gihe ikibazo kireba Perezida.

**<u>Ingingo ya 12</u>: Impamvu zituma ugize Komite Nyobozi asimburwa**

Umwe mu bagize Komite Nyobozi ashobora gusimbuzwa iyo:

- Afite uburwayi butuma atabasha kurangiza inshingano ze, byemejwe na muganga;

- Apfuye;
- Yeguye ku bushake bwe;
- Yimukiye mu wundi mudugudu;
- Atakiri inyangamugayo

## <u>IKICIRO CYA 2</u>: INSHINGANO Z'INZEGO Z'UMUGOROBA W'IMIRYANGO

**<u>Ingingo ya 13</u>: Inshingano z'Inteko Rusange**

Inteko Rusange y'Umugoroba w'Imiryango ifite inshingano zikurikira:

- Kwitabira Umugoroba w'Imiryango buri kwezi n'ikindi gihe bibaye ngombwa;
- Gukurikirana imikorere ya Komite Nyobozi no gutanga inama z'ibigomba kunozwa igihe bikenewe.

**<u>Ingingo ya 14</u>: Inshingano za Komite Nyobozi y'Umugoroba w'Imiryango**

Komite Nyobozi y'Umugoroba w'Imiryango ifite inshingano zikurikira:

- Gutegura no kuyobora inama y'Umugoroba w'Imiryango;
- Gutegura gahunda y'ibikorwa izafasha kugera ku ntego zihariye z'Umugoroba w'Imiryango;
- Gukurikirana ko intego z'Umugoroba w'Imiryango zigerwaho;
- Gukangurira imiryango yose ituye mu mudugudu kwitabira Umugoroba w'Imiryango;
- Gutanga buri kwezi raporo y'ibyakozwe n'Umugoroba w'Imiryango;
- Gusura imiryango, cyane cyane ifite ibibazo no kubagira inama yo kwishakamo ibisubizo ku buryo burambye;
- Gukora ubuvugizi ku bibazo bikigaragara mu miryango;
- Guhanga udushya duteza imbere Umugoroba w'Imiryango;
- Kwita ku kwesa imihigo y'umuryango yo mu mudugudu.

**<u>Ingingo ya 15</u>: Inshingano za Perezida w'Umugoroba w'Imiryango**

Perezida w'Umugoroba w'Imiryango afite inshingano zikurikira:

- Gutumira no kuyobora Umugoroba w'Imiryango n'inama za Komite Nyobozi;
- Guhuza ibikorwa byose by'Umugoroba w'Imiryango.

**<u>Ingingo ya 16</u>: Inshingano za Visi Perezida w'Umugoroba w'Imiryango**

Visi Perezida w'Umugoroba w'Imiryango afite inshingano zikurikikika:

- Guhagararira no gusimbura Perezida igihe adahari ;
- Kunganira Perezida mu nshingano ze no gutanga inama.

**<u>Ingingo ya 17</u> : Inshingano z'Umunyamabanga wa Komite Nyobozi y'Umugoroba w'Imiryango**

Umunyamabanga wa Komite Nyobozi y'Umugoroba w'Imiryango afite inshingano zikurikira :

- Gutegura no gutanga inyandiko zose z'Umugoroba w'Imiryango ku bo bireba ;
- Gukora raporo n'imyanzuro y'inama za Komite Nyobozi n'iz'Umugoroba w'Imiryango ;
- Kubika neza inyandiko zose zirebana n'Umugoroba w'Imiryango.

**Ingingo ya 18 : Guterana kwa Komite Nyobozi**

Komite Nyobozi iterana rimwe mu kwezi n'ikindi gihe bibaye ngombwa bisabwe na Perezida cyangwa umwe mu bagize Komite Nyobozi.

Abagize Komite Nyobozi bose bagomba kwitabira inama, ufite impamvu ituma ataboneka akabimenyesha Perezida nibura umunsi umwe mbere y'inama.

Iyo hari usibye inama inshuro eshatu yikurikiranya kandi nta mpamvu ifatika afite, ashobora gusimburwa abagize Komite Nyobozi bandi babyemeranyijweho.

**Ingingo ya 19: Ishyirwaho rya Komite Ngengamyitwarire**

Komite Ngengamyitwarire igizwe n'abantu batatu (3) b'inyangamugayo: umugabo, umugore n'urubyiruko batorwa n'Inteko Rusange yatorewemo Komite Nyobozi y'Umugoroba w'Imiryango.

**Ingingo ya 20 : Inshingano za Komite Ngengamyitwarire**

Komite Ngengamyitwarire ifite inshingano nyamukuru yo kugena imyitwarire y'abagize Umugoroba w'Imiryango kugira ngo ugende neza kandi uzane impinduka mu Mudugudu.

Komite ngengamyitwarire ikora urutonde rw'ibigomba kubahirizwa mu Mugoroba w'Imiryango bijyanye n'imyitwarire iranga abagize Umugoroba w'Imiryango ikabigeza ku Nteko Rusange kugira ngo ibyemeze kandi buri wese abimenyeshwe anabyubahirize.

## UMUTWE WA 3 : IMIKORERE Y'UMUGOROBA W'IMIRYANGO

**Ingingo ya 21 : Iterana ry'Umugoroba w'Imiryango**

Umugoroba w'Imiryango uterana rimwe mu kwezi n'ikindi gihe cyose bibaye ngombwa byemejwe n'Inteko Rusange cyangwa na Komite Nyobozi.

Buri Ntara n'Umujyi wa Kigali, igena umunsi n'isaha Uturere tuyigize tuzajya dukoreraho Umugoroba w'Imiryango, uwo munsi ukamenyeshwa Minisiteri ifite umuryango mu nshingano. Umugoroba w'Imiryango ntugomba kurenza igihe cy'amasaha abiri (2).

**Ingingo ya 22: Ahantu inama y'Umugoroba w'Imiryango ibera**

Umugoroba w'Imiryango ubera mu Mudugudu, ahantu humvikanyweho n'abawitabira, hakwiye kwakira abantu benshi kandi bisanzuye.

**Ingingo ya 23: Imikorere y'Umugoroba w'Imiryango**

Kuri buri Rwego rw'imitegekere y'Igihugu, kuva ku Kagari kugera ku Karere, ubuyobozi bw'urwo rwego bugena umukozi wongererwa mu nshingano ze mu nyandiko, inshingano yo gukurikirana imikorere

y'Umugoroba w'Imiryango, akabishyira mu mihigo ye ya buri mwaka kandi akabitangira raporo buri kwezi n'ikindi gihe bisabwe.

Buri munsi wabereyeho Umugoroba w'Imiryango, abayobozi b'inzego z'ibanze (Akarere, Umurenge n'Akagari) bigabanya aho bajya kwifatanya n'abaturage kandi bakohereza n'abakozi mu midugudu itandukanye gukurikirana uko Umugoroba w'Imiryango wagenze.

**Ingingo ya 24: Guhuza Imigoroba y'Imiryango yo mu Karere**

Akarere gasaba buri Murenge na buri Kagari kugira Ihuriro kuri buri rwego. Buri Huriro rizajya rihura rimwe mu mezi atandatu (6) kugira ngo Imigoroba y'Imiryango isangire ku byiza yagezeho, udushya twahanzwe, ndetse n'ibibazo bahura nabyo no kubishakira ibisubizo hamwe.

**Ingingo ya 25: Gutegura ingingo ziganirwaho n'ibiganiro bitangwa mu Mugoroba w'Imiryango**

Ingingo ziganirwaho, ibiganiro n'imfashanyigisho bitegurwa na Minisiteri ifite Umuryango mu nshingano. Ishobora kwifashisha ubunararibonye bw'inzego zitandukanye bitewe n'ubutumwa bugomba gutangwa. Abagize Komite Nyobozi y'Umugoroba w'Imiryango bashobora kugena izindi ngingo ziganirwaho cyangwa izindi gahunda zikorwa mu Mugoroba w'Imiryango nyuma y'ibiganiro byateguwe bashingiye ku miterere y'umudugudu wabo n'ibibazo bihagaragara bifuza gukemura cyangwa izindi gahunda zigamije iterambere bifuza.

**Ingingo ya 26: Abatanga ibiganiro**

Komite Nyobozi igena abatanga ibiganiro bafite ubumenyi bwihariye baturutse mu nzego zitandukanye cyangwa batuye mu mudugudu b'inararibonye hashingiwe ku miterere y'ikiganiro cyateguwe.

**Ingingo ya 27: Gukemura amakimbirane yo mu miryango**

Mu gukemura amakimbirane n'ibindi bibazo bigaragara mu miryango, Komite Nyobozi igena itsinda ry'abantu b'inyangamugayo bagomba gusura, kuganiriza, gukemura no guherekeza imiryango igaragaramo ibibazo kugira ngo bikemuke mu mutuzo no mu ibanga. Ariko ku bushake bw'abagize umuryango bakize amakimbirane bashobora kujya batanga ubuhamya mu ruhame kugirango babere indi miryango urugero.

Bitewe n'imiterere y'amakimbirane, urubyiruko rushobora guhezwa, hagamijwe gukomeza kugirira ibanga imiryango irimo ibibazo.

Iyo ari ikibazo kijyanye n'ihohoterwa rishingiye ku gitsina cyangwa gusambanya umwana bihita bijyanwa mu nzego z'ubugenzacyaha (RIB) cyangwa ku kigo gitanga serivisi z'ubuvuzi (Isange One Stop Centre, Ikigo nderabuzima, Ibitaro...) hakiri kare mu rwego rwo kwirinda guhishira no kurangiriza ibibazo by'ihohoterwa mu bwumvikane kugira ngo umunyacyaha akurikiranwe n'amategeko.

**Ingingo ya 28: Gutanga raporo**

Umunyamabanga wa Komite Nyobozi ahita akora raporo ngufi nyuma y'Umugoroba w'Imiryango ikoherezwa ku Kagari. Nyuma yo guhuza ibyakozwe mu midugudu yose, bahereza raporo ku Murenge, aho nabo bakusanya raporo y'ibyakozwe mu tugali twose, bakabyohereza ku Karere. Akarere gakusanya raporo

zavuye ku mirenge yose, bakayohereza muri Minisiteri ifite Umuryango mu nshingano, hakoreshejwe ikoranabuhanga, mu gihe kitarenze iminsi icumi (10) Umugoroba w'Imiryango ubaye.

Raporo y'Umugoroba w'Imiryango ikorwa hifashishijwe ifishi iri ku mugereka mu nyandiko yuzuza aya mabwiriza.

## UMUTWE WA 4: IGENZURA N'IKURIKIRANA RY'UMUGOROBA W'IMIRYANGO

### IKICIRO CYA MBERE: IKURIKIRANA RY'UMUGOROBA W'IMIRYANGO

**Ingingo ya 29: Urwego rureberera Umugoroba w'Imiryango ku rwego rw'Igihugu**

Umugoroba w'Imiryango urebererwa na Minisiteri ifite Umuryango mu nshingano ari nayo yohererezwa raporo ziturutse mu nzego z'ibanze, Minisiteri y'Ubutegetsi bw'Igihugu ikagenerwa kopi. Ubuyobozi bw'Akarere, Umurenge, Akagali n'umudugudu, bakurikirana umunsi ku wundi uko umugoroba w'imiryango witabirwa ndetse n'impinduka uzana mu mibereho y'abatuye umudugudu.

**Ingingo ya 30: Inshingano z'Akarere mu mikorere y' Umugoroba w'Imiryango**

Akarere gakurikirana imikorere n'imigendekere myiza y'Umugoroba w'Imiryango mu midugudu yose kandi kakagena ingengo y'imari izafasha Umugoroba w'Imiryango gukora neza.

Akarere gasuzuma imidugudu ikora neza hagendewe no ku mikorere myiza y'Umugoroba w'Imiryango muri iyo midugudu, kagashimira Ihuriro cyangwa Amahuriro y'Imigoroba y'Ababyeyi akora neza kurusha ayandi buri mwaka n'ikindi gihe kabiteganyije.

Rimwe mu mwaka, Akarere gakora isuzuma rya za Komite Nyobozi z'Umugoroba w'Imiryango kugira ngo hamenyekane Komite zakoze neza kandi zigashimirwa izindi zikagirwa inama mu byo kunoza.

### IKICIRO CYA 2: IGENZURA RY'UMUGOROBA W'IMIRYANGO

**Ingingo ya 31: Kugenzura imikorere y'Umugoroba w'Imiryango**

Minisiteri ifite Umuryango mu nshingano ikurikirana imikorere y'Umugoroba w'Imiryango ku rwego rw'Igihugu. Igena umukozi wayo ukurikirana by'umwihariko imikorere y'Umugoroba w'Imiryango kandi akabitangira raporo buri kwezi n'ikindi gihe bisabwe.

Minisiteri ihuza Uturere n'inzego zitandukanye rimwe mu mwaka n'ikindi gihe bibaye ngombwa hagamijwe kurebera hamwe no kunoza imikorere y'Umugoroba w'Imiryango no gusuzuma impinduka zagezweho. Akarere kakoze neza, kandi kagaragaza impinduka mu mibereho y'abahatuye, bitewe no kwitabira Umugoroba w'Imiryango; kazajya gashimirwa mu ruhame, kugira ngo bitere abandi imbaraga.

**Ingingo ya 32: Kongerera ubushobozi inzego z'Umugoroba w'Imiryango**

Mu mihigo ya buri mwaka, Minisiteri ifite Umuryango mu nshingano, Intara, Umujyi wa Kigali, Uturere n'abafatanyabikorwa mu iterambere ry'umuryango bateganya ingengo y'imari ifasha mu mikorere myiza y'Umugoroba w'Imiryango, kuwongerera ubushobozi; cyane cyane ku bijyanye n'amahugurwa,

imfashanyigisho, ibikoresho byakenerwa, uburyo bw'itumanaho, ingendo shuri, ishimwe ry'Umugoroba w'Imiryango ukora neza kurusha indi n'ibindi.

**Ingingo ya 33: Gukangurira abaturage kwitabira Umugoroba w'Imiryango**

Kwitabira Umugoroba w'Imiryango ni inshingano ya buri wese utuye umudugudu ariko Ubuyobozi bw'inzego z'ibanze na buri wese mu bagize Komite Nyobozi ndetse na Komite ngengamyitwarire bafite inshingano zo gukangurira abaturage bose b'umudugudu kwitabira Umugoroba w'Imiryango kandi ku gihe.

**Ingingo ya 34: Kugaya abatitabira Umugoroba w'Imiryango**

Abaturage batitabira Umugoroba w'Imiryango nta mpamvu, bafatirwa ingamba na komite ngengamyitwarire. Abibukijwe ariko bagakomeza kunangira, bagawa n'umukuru w'umudugudu mu ruhame mu nama rusange z'abaturage, mu muganda rusange no mu yandi mahuriro abatuye umudugudu bahuriramo.

## UMUTWE WA 4: INGINGO Z'INZIBACYUHO N'IZISOZA

**Ingingo ya 35: Igihe cyo kubahiriza ibiteganywa n'aya mabwiriza**

Buri Karere, Umurenge, Akagari n'Umudugudu bazashyikiriza Minisiteri ifite umuryango mu nshingano amazina y'umukozi uzajya ukurikirana Umugoroba w'Imiryango kuri buri rwego, urwego umukozi akoreraho, icyo asanzwe ashinzwe, telefoni na email nibura mu mpera z'Ugushyingo 2020; naho ibirebana no gushyiraho za komite zivugwa muri aya mabwiriza bizakorwa mu gihe amabwiriza yo kwirinda Covid 19 azaba yemerera abaturage guhura kugira ngo habeho amatora.

**Ingingo ya 36: Ivanwaho ry'Ingingo zinyuranye n'aya mabwiriza**

Ingingo z'Imirongo ngenderwaho y'Umugoroba w'Ababyeyi yashyizweho na Minisiteri y'Uburinganire n'Iterambere ry'Umuryango muri 2016 zivanyweho.

**Ingingo ya 37: Igihe amabwiriza atangira gukurikizwa**

Aya mabwiriza atangira gukurikizwa ku munsi yashyizweho umukono.

**Prof. BAYISENGE Jeannette**
**Minisitiri w'Uburinganire n'Iterambere ry'Umuryango**